

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ____________________

School: ____________________

Class: ____________ Year ____________

Subject: ____________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

Kinganto Kuwa 10/9/99

nom : KARANGWA

prènom : Justin

père : Sebera Antoine +

mère : KANKuyo Daphrose

Cellule : Kinganto

Secteur : Busego

Commune : Mukingi

prèfecture : Gitarama

Ecole : G.S de Muyunzwe A.P.E.C.A.S

Classe 1ère E.C

DAte de naissance 01/08/1978

Hari le 23/4/94 nibwo intambara yatangiye iwacu muri cellule.
hari ku gicamunsi nka saa 8h
igitero cyiraza kirasenya, cyiratwika, cyirasahura
inka barazitwara baraziryа.
ubwo hari kuwa gatandatu (Saturday)
- Bukeye ku cyumweru (Sunday) babyutse basarura
na imyaka mu mirima.
ubwo uwari konsiye y-witwa Nkuwikiyimfura
François akoresha inama ababwirako
abasigaye ari ukwica.
- ubwo bukeye kuwa mbere (Monday) le 25/4/99
babyutse bahiga abantu mu bihuru.
ubwo njyewe nari nihishe mu gihuru bo baha-
geze umwe aravuga ngo "hano hari impara"
kuko baboraga aho nanyuze ninjiramo -
igihuru baragitema barambona barambwira
ngo ninizane

~~ntw~~ Mwamo ndata umukuru wabo avuza ifirimbi ngo bahambiye abari hirya no hino barata bagiye ku nyika arababuza za ngo nibanjyane kuri selteur hamwe n'abandi

Icyo gitero cyari cyigizwe na:

umuyobozi wacyo: Ntibaringanira Aphrodis
-yankurije innocent
-Baganwa Martin
-Karegeya Ravent
-KAnani Jean
-Jawier mwene Nyirimbaragaza

Uwitwa Habyarimana Mathias ahita anyambura imyenda arambwira ngo ni mpane gerenade njye no kubereka aho amasasu y'inkotanyi twayatabye.

ubwo bamaze ku mfata barambwiye ngo wa nkotanyi we mbabwira ko ntazi inkotanyi barambwira ngo wamututsi we

Njyewe narababwiye ngo nibambabarire si nzongera kuba umututsi
baranga barambwira ngo ninjye imbere tugende njya imbere turagenda
banjya inyuma baranshorera.
Kuva aho kugera kuri secteur muri nzira abantu bari wukunga nzoka umugambi ari umwe imvugo ari imwe ari ukuvuga ngo:

Tubahumbahumbe, Tubatsembatsembe n'uwo ntimumusige.
nka
Ubwo bari bitwaje intwaro za gakondo:

- ubuhiri
- imikoro, imipanga
- amacumu
- abo twajyanyeho babashima bababwira ngo ngo ako mugakoreyeho!

Tugeze kuri secteur nsanga bene wacu babateranyije babicaje, babatemagura babakubise amahiri.

ubwo baranyicaza ngo mbanze ndebe uko bica bene wacu

mbese kugirango mbanze nicwe n'agahinda ndeba uwo agashinyaguro bica bene wacu babisha batya: barabanzaga bakababatema igitsi, barangiza bakababakubita amahiri umubiri wose bahereye mu ~~mb~~ mutwe, imbavu igitera kugeza ku birenge.

: bicwaga na:

ubwo bageze aho nanjye barantem ~~ba~~ ukuguru ma bantema ukuguru ku gitsi bankubita n'amahiri ~~kta~~ mu mutwe ku buryo mu mutwe inyuma hahombanye hacitsemo ikinogo. ubwo nanjye nari napfuye nabaye umupfu mubandi.

ubwo byageze aho konsiye araza abarura abapfuye n'abasigaye.

ategekako nabo bagomba kubashaka ubu bakabica.

abiciwe aho imbere y'ibiro bya Secteur
aho abaturage n'abaturanyi bari babatabi...
ye ubukwe ngo baje kureba uko abatutsi bapfa
bamwe bavuga ngo ese bapfuye koko gangu...
ngo ni ubwenge bwabo ngo bwiiya bipfushij...

Abiciwe aho ni aba: Mampyisi Fidel
- Rukasire Faustin
- KABAYABAYA Samuel.
- Ruvebana Marc
- Mukamatimpaka meranie...

abo ni badata wacu.

bakuru banjye: Nshimiyimana Vincent
- Munyanete Alphonse
- Uwamenyimana Marc
- ~~Rawant~~ HABIYAMBERE Raurent
HABIYAMBERE Raurent
Hagiye n'abandi b'abavantara ntabashije
Kumenya bari bagiye batoragura mu bikuru
Kirya no hino.
Kuko hagiye abantu 16 nabona.

Muti ese wakoweye ute?

- ubwo batangiye kujya kuira batangiye guhamba hari icyobo bari barasukiye bakigango ni umusarani.

batangiye gukurura intumbi baroha muri wa mwobo.

banjyeteho barambwira ngo ni mpaguruke nsange bene wabu ngeragejje guhaguruka bivananira ubwo baramfashe barakurura bagejeje iruhande rwa wa mwobo bahirikamo nyuma batana ni itindi intumbi baturamo bagasenya n'umusarane wari uhari uruhande bagaturamo amatafari ngo hatazagira uvamo.

bumaze kuira baragenda bajya ku ihemba ubwo hari abo bari baroshyemo bataragahiramo umwuka ubwo umwe abwira undi ati: nkwirahio, imi tafari maze mvemo wetseko nkwaho?

byari amatakira ngoyi uko Tawabashaga:

ubwo haje kuza umwana umusirikari kuri

Reta ya Habyarimana ageze imbere y'ibiro

bya secteur mu muhanda asanga haretse

amaraso.

ahagarika imodoka abaza abatamu ba secteur

ngo: «izinka barimiye aho zaluye he?

bo bamushubije ko atari inka ahubwo

ko ari abantu bahiciye ababaza aho

babahamye baza kuhamwereka ahageze

asanga bamwe kuracyavuga.

abategeka kubakuramo ↔ kudukuramo

barabanza bakuramo intumbi zari zibari

hejuru badukuramo.

abo asanze bapfuye abasubimo abatima

adushyiramo mu modoka aratujyana

atugeza kubitaro byo mu byimana bugeye

mu gitondo batubwirako ngo ntamiti ihari

ubwo batwoherereza kuri commune

ubwo nkanjye nagintaga ikibuno ngikurura

ubwo nabashije kugera kuri ~~ko~~ commune ni mugoroba mpasanga izindi mpunzi za hahungiye

ubwo bagezo le 28/4/94 uwari Burugumesitiri wa komune Mukinga Nsabimana Basille arabinga ngo agiye i Gitarama.

agarutse azana imodoka Bisi irabatwara itujyana i Kabyayi.

ubwo njya mubitaro mbamo kugeza F.P.R inkotanyi zitubohoje kuwa 2/6/94

ubwo nari aho kuba na gerageje nari ntarabona sha guhaguruka aho ni Caye ni ~~ukub~~ ukubagai go na gendaga ni laye.

ungako uko nabayeho icyo gihe cyose cy'intambara na jenoside buroko ni itsembatsemba.

ngako agahinda yansigiye, yanteye ntateze kuzashira.

*hagati aho naje bage kwica data.
. ubwo baramuhiže cyane muri cellule kuko kuko Consier yari yabakanguye.
baramufata baramushorera bamuroha mu mugezi wa Kinyango

abamushoreye ni aba: Mpakanyi Matayo
- Mwerekande Joseph
- Twagirimana Joseph
- Nzaramba Evariste
- Nzaramba
- Ntayisenga André
- ~~Iyo~~ Ignas mwene ~~Gakuba~~ Gakuba
Atanazi

etc.

Dore abagize urukore mu iyicwa ry'abantu bagiye kuri secteur:

1- Ntibaringanira Aphrodis
2- YANKURIJE innocent
3- Baganiwa Martin
4- HABYARIMANA Mathias
5- KANANI Jean
6- KAREGEYA Laurant
7- Savier mwene nyirimbaraga.

abo nibo mbasha kuibuka mu bagiye banshoreye.

8- Bizimutima Faulas
9- Twagirimana Feridinand
10- Ntezayayo mwene Ngamije Alex
11- Beatrice mwene Hitimana danaki
12- KAGANGO André
13- BUCYEKABILI Jean
14- NZABASENGIMANA Augustin
15- NTIBAKINA Alphonse
16- RUZAMBA Léonard
17- GATABAZI Innocent

18- Semuzima Innocent

19- NZABASENGIMANA Lupio

20- Albert mwene SENZAGE Jean

21- paul mwene BIKWAKWANYA Michel

22- KAGENZA Jean

23- Jean mwene MAShinga alionis

24- BACYINAhe joseph

25- Leonard mwene BAcyinaho Jean

26- Bizimana Jean mwene BAKinaho Jean

27- Rwabuhungu Léonard

28- KAGABO Stanisilousi
29 MPAKANYI Mathao

30 - MWEREKANDE Joseph

31- TWAGILIMANA joseph

32 uwo bita KARATIKA Emmanuel

33- Hategekimana Slidio

34- RUTAYISIRE Valence.

*Abo Nibo Mbashije ku ibuka "Kuko umutima usobetse AMAGANYA NTAGO USOBANURA AMAGAMBO"

N.B NIBA ALI IBIMENYETSO MUSHAKA NDAGIRANGO MBAMENYESHEKO HALI ABANTU BAFITE IBIMENYETSO KU MIBIRIYABO BIDASIBANGANA

KUKO NGO IGISEBE CYIRAKIRA

ALIKO INKOVU NTABWO IKIRA

NTABWO ISIBANGANA.

UZAJYA ASHAKA GUPFOBYA ITSEMBA BWOKO MUJYE MU DUHAMAGARA.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.